



**Incamake y'ibisubizo:**  
**Iperereza ry'uwashakishwaga n'ubutabera Protais MPIRANYA**

*Amavu n'amavuko*

1. Protais MPIRANYA yavutse ku ya 30 Gicurasi 1956 mu Kagari ka Shaki, Komini ya Giciye, muri Perefegitura ya Gisenyi mu Rwanda. Yavutse ku izina rya Protais LIZAHANANDE, nyuma afata izina rya murumuna we wapfuye Mathias MPIRANYA. MPIRANYA yinjiye muri *École Supérieure Militaire* y'u Rwanda muri 1979 arangiza imyaka ine y'inyigisho za gisirikare zihabwa aba ofisiye. Muri Mata 1993, yagizwe Umuyobozi wa Batayo y'ingabo zirinda Perezida (GP) mu ngabo z'u Rwanda (FAR), ari zo zari zishinzwe kurinda umutekano wa Perezida Juvénal HABYARIMANA.

*1994: Genocide against the Tutsi in Rwanda*

2. MPIRANYA yashinjwe n'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rw'u Rwanda (ICTR) mu mwaka wa 2000 kuba yaratanze amabwiriza, akagenzura, agashishikariza kandi agafasha ibyaha byakozwe n'umutwe w'aba GP. Yashinjwaga ibyaha umunani bya Jenocide n'ubufatanyacyaha muri Jenocide, ubwicanyi, gutsemba, gufata ku ngufu, gutotezwa, ibindi bikorwa by'ikiremnamuntu nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu, n'ubwicanyi nko kurenga ku Masezerano y'i Jeneve.
3. Ku mugoroba wo ku ya 06 Mata 1994, Jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994 yaratangiye igihe indege ya Perezida HABYARIMANA yaraswaga. Abayobozi b'Abahutu b'intagondwa bafashe ingamba zo kwigarurira guverinoma y'u Rwanda no gukangurira abayoboze babo kurwanya Abatutsi b'abasivili. Umutwe w'aba GP, uyobowe na MPIRANYA, wagize uruhare runini. Mu masaha yakurikiyeho, umutwe w'aba GP watangiye kugaba ibitero ku abantu bakomeye batavugaga rumwe n'ubutegetsi hagamiywe gukumira ishyirwa mu bikorwa rya guverinoma y'inzibacyuho yagutse, no gukuraho abantu bakomeye basabye ituze n'amahoro kandi banashoboraga gukumira Jenocide yakorewe Abatutsi.
4. Mu rukerera rwo ku ya 07 Mata 1994, bamwe mu basirikare bo mu mutwe w'aba GP wari uyobowe na MPIRANYA bishe Minisitiri w'intebe Agathe UWILINGIYIMANA, bakurikizaho gufunga no kwica abasirikare icumi b'ingabo z'amahoro z'Ababiligi zarindaga aho yari atuye. Aba GP bishe kandi Faustin RUCOGOZA, umunyamuryango wa *Mouvement Démocratique Républicain* (MDR) na Minisitiri w'itangazamakuru; Félicien NGANGO, Visi-Perezida wa *Parti Social Démocrate* (PSD); Landouald NDASINGWA, Visi-Perezida wa *Parti Libéral* (PL) akaba na Minisitiri w'umurimo n'ibikorwa rusange; Joseph KAVARUGANDA, Perezida w'Urukiko Rushinzwe Kurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga; na Frédéric NZAMURAMBAHO, Umuyobozi wa PSD na Minisitiri w'ubuhinzi.
5. Mu minsi n'ibyumweru byakurikiyeho, Interahamwe zishe Abatutsi ku bufatanye n'abasirikare b'aba GP n'abandi. Abasirikare b'aba GP banashyizeho bariyeri hirya no hino muri Kigali kugirango bahagarike kandi bice Abatutsi, kandi bafata kungufu abagore n'abana b'Abatutsi bafatanyije n'Interahamwe.

*1994-1998: Guhunga u Rwanda*

6. Mu ntangiriro za Nyakanga 1994, FPR yafashe igihugu cy'u Rwanda. Imitwe y'ingabo z'Abahutu za FAR zatsinzwe zahungiyeye muri Zayire hamwe na guverinoma y'agateganyo ndetse n'impunzi z'abasivili. MPIRANYA yambutse ajya muri Zayire hamwe nabandi bayobozi b'umutwe w'aba GP na FAR muri Nyakanga 1994.
7. Muri Nzeri 1994, MPIRANYA yabonye pasiporo hamwe n'umuryango we, maze bajya i Yaoundé muri Kameruni mu ntangiriro z'Ukwakira 1994, aho benshi mu bagize uruhare muri Jenoside bari barahungiyeye. Muri Werurwe 1996, nyuma yo gufatwa kwa Théoneste BAGOSORA muri Kameruni, MPIRANYA yahunze mbere yuko inzego zibishinzwe zo muri Kameruni zisaka inzu ye. Nyuma yaje kuzajya akora ingendo hagati ya Zayire (yaje guhindura izina ikitwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo DRC), Repubulika ya Kongo, Repubulika ya Centrafrique (CAR) na Kameruni, aho umuryango we wagumye.

*1998-2002: Intambara ya kabiri ya Kongo*

8. Muri 1998, Intambara ya kabiri ya Kongo yaratangiye hagati ya Guverinoma ya DRC ishyigikiwe na Zimbabwe, Angola, Namibiya, na Tchad, n'ingabo zitavugaga rumwe n'ubutegetsi bwa Kongo zishyigikiwe n'u Rwanda na Uganda. Bitewe n'icyifuzo cyo guhirika guverinoma y'u Rwanda no kugarura ubutegetsi bwabo, benshi mu bagize uruhare muri jenoside ndetse n'abahoze muri FAR binjiye muri iyi ntambara nk'inshuti za Guverinoma ya DRC. Ahagana mu mpera z'umwaka wa 1998, izo ngabo z'Abahutu zaje kumenyekana kw'izina rya *Force Démocratiques de Libération du Rwanda* (FDLR) zararemwe zikozwe n'abari barahungiyeye mu nkambi zitandukanye z'impunzi muri DRC, CAR, Repubulika ya Kongo, n'ahandi.
9. MPIRANYA yagarutse muri DRC muri iki gihe kugira ngo yinjire mu ntambara yo kurwanya guverinoma y'u Rwanda. Nk'umuyobozi wo mu rwego rwo hejuru mu cyahoze ari FAR, yagizwe Umuyobozi wa Burigade ya Horizon ya FDLR. Yabonye indangamuntu mpimbano, afata izina rya Alain HIRWA, amenyekana nka 'Commander Alain'. Yakundwaga cyane n'ingabo ze kandi Burigade ye ikubahwa ku rugamba kubera imikorere yayo.
10. Hagati ya 1998 na 2002, Burigade ya Horizon ya MPIRANYA yakoranye cyane n'ingabo za Zimbabwe (ZDF) muri DRC. Bashyizwe hamwe kandi bagira uruhare mu ntambara z'urugomo mu majyaruguru ya Kasai no mu majyaruguru ya Katanga. ZDF na Brigade ya Horizon barinze ahantu hakomeye mu nzira zigana Kinshasa na Lubumbashi, harimo Mbuji-Mayi, Pweto, Kamina, na Kabinda. Bakoranye kandi bya hafi cyane akazi ko kurinda ibirombe bya diyama i Mbuji-Mayi.
11. Nk'ingabo z'abanyamahane mu ntambara kandi zari zishyigikiye FDLR cyane, ZDF yatanze inkunga y'ibikoresho, intwari n'amasasu kuri Brigade ya Horizon. MPIRANYA, nk'umuyobozi wo mu rwego rwo hejuru kandi wubahwa cyane, yahujije n'ubuyobozi bwa ZDF, ahuza n'imitwe ya ZDF, akorana nabo, kandi agirana umubano wa hafi n'abasirikare bakuru ba Zimbabwe. Nibura inshuro imwe, yagiye muri Zimbabwe mu izina rya FDLR kugirango ahabwe ubufasha bwa gisirikare.

*2002-2006: Guhungira muri Zimbabwe*

12. Hagati aho amahanga yashizeho igitutu kugirango iyi ntambara ihagarare, noneho muri Nyakanga 2002 hasinywa amasezerano y'amahoro muri Afurika yepfo, aho ibihugu byari bifite ingabo z'amahanga byose byemeye gukuraho izo ingabo muri DRC. Ubuyobozi bwa FDLR bwawanyije ku mugaragararo ayo masezerano, bwifuzaga gukomeza urugamba rwo kurwanya guverinoma y'u Rwanda. Ibi byatumye FDLR ifatwa nk'umutwe utifuzwa muri DRC binatera imirwano hagati y'ingabo za



DRC n'ingabo za FDLR. Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa FDLR wari n'umuyobozi wa MPIRANYA, Tharcisse RENZAHU, yatawe muri yombi mu mpera za Nzeri 2002 yimurirwa muri ICTR. Muri uko kwezi, ICTR yasohoye kumugaragararo inyandiko y'ibirego yo gufata MPIRANYA.

13. Kubera gutinya gufatwa nk'umwe mu bantu bakomeye bahunze ICTR, MPIRANYA yahungiyeye muri Zimbabwe mu mpera za 2002. Abayobozi ba Zimbabwe bamworohereje kwinjira muri Zimbabwe, naho MPIRANYA yorohereza abambari be ba hafi kwinjira muri Zimbabwe. Umugore we n'abakobwa be bavuye muri Kameruni berekeza Kinshasa, nyuma aborohereza kwimukira muri Zimbabwe, aho nyuma bashoboye kuva bagana mu Bwongereza. Muramukazi wa MPIRANYA na we yavuye muri DRC yerekeza muri Zimbabwe aherekejwe n'umwe mu bafatanyabikorwa ba hafi ya Brigade ya MPIRANYA, mu gihe abandi bari munsu ye muri FDLR na bo bagiyeye muri Zimbabwe gushaka aho baba.
14. Mu gihe cy'imyaka ine, MPIRANYA yashoboye kwirinda gufatwa, anabona ubuhungiro muri Zimbabwe, aho yari atuye mu gace gakize ka Harare. Yakomeje ibikorwa bya FDLR no kwifatanya n'abashyigikiye FDLR, harimo no kubona pasiporo mpimbano ya Uganda ku izina rya James KAKULE, icyarimwe n'abandi bayobozi ba FDLR. Yakomeje kandi umubano n'abayobozi ba ZDF. Yagiye mu bucuruzi hamwe na muramukazi we, mu gihe umugore we yamusuye kabiri, muri 2003 no muri 2004, ubwo yazanaga abakobwa be kubonana na se ku nshuro ya kabiri.
15. Nubwo byari bimeze bityo, sitati ye nk'umuntu wahunze ubutabera mpuzamahanga yagize ingaruka zikomeye. Imigendere ye yari ikumiriwe cyane, bikaba byaramuteye gukorana n'agatsiko gato ka bagenzi be yari yizeye. Nk'umuntu wahunze ubutabera, yatakaje icyubahiro n'ububasha yari afite mbere. Imyaka ya nyuma y'ubuzima bwe yanzwe no guhangayika no gutinya ko aho yihishye hazamenyekana kandi ko azaburanishwa ku byaha bye, kimwe n'abandi bayobozi benshi bo mu Rwanda bashinjawaga uruhare bagize muri Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994.

#### 2006 - Kugeza ubu: Urupfu no guhisha

16. Mu gice cya kabiri cy'umwaka wa 2006, MPIRANYA yararembye cyane azize igituntu maze arwarira mu bitaro bya West End i Harare ku izina rya Ndume SAMBAO. Muri Nzeri 2006, yakorewe ubuvuzi bwitwa *bilateral pleural effusion* mu cyongereza, ariko nubwo yari yivuje, yaje gupfa ku ya 05 Ukwakira 2006.
17. Nyuma y'urupfu rwe, bagenzi ba MPIRANYA bateguye umuhango wo kumushyingura, n'umugore we ava mu Bwongereza ajya i Harare kwitabira umuhango wo gushyingura. Ku ya 17 Ukwakira 2006, umuhango wo gushyingura warabaye i Harare mu bwiru, witabiriwe gusa n'umuryango we na bagenzi be. Yashyinguwe ku irimbi riri hanze ya Harare ku izina rya Ndume SAMBAO.
18. Kuva mu Kwakira 2006, umuryango wa MPIRANYA na bagenzi be bakoze ibishoboka byose ngo bahishe urupfu rwe n'aho yashyinguwe. Babeshye abashinzwe iperereza inshuro nyinshi, banatoza abazi ibya MPIRANYA n'urupfu rwe muri Harare kubeshya baramutse babajijwe. Ibuye rye ry'imva ryateguwe hagamijwe kuburizamo kuvumbura aho MPIRANYA yaruhukiye bwa nyuma. Izi mbaraga, zigikomeza kugeza ubu, zananije iperereza kumenya aho ibisigazwa bya MPIRANYA byari biri kugeza mu ntangiriro zuyu mwaka.